**REPUBULIKA Y'URWANDA**
**INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO**
**(RALC)**
Agasanduku k'Iposita : 5796 KIGALI - RWANDA
Imeri: info@ralc.gov.rw
Urubuga: www.ralc.gov.rw

# ITANGAZO

Mu rwego rwo guhanga imirimo mishya 1000 ishingiye ku nganda ndangamuco n'ubuhanzi, Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (RALC) irahamagarira abantu bose bafite imishinga ishobora gutanga akazi ku bantu benshi kuyishyikiriza kopi ebyiri zisobanura iyo mishinga muri rumwe mu ndimi zikoreshwa mu butegetsi mu Rwanda. Izo kopi zigomba kuba zageze ku kicaro cya RALC mu Mujyi wa Kigali i Remera ku Gisimenti bitarenze tariki ya 20 Nzeri 2019 saa kenda z'umugoroba (15:00). Ikigo cyangwa kompanyi ifite umushinga bigomba kuba bimaze byibuze imyaka ibiri (2) bikora kandi byemewe n'amategeko. Ibindi bisabwa kugira ngo umushinga wemerwe murabisanga mu Mvaho Nshya N° 4968 yo ku wa 31 Kanama 2019, ku rubuga rwa RALC: www.ralc.gov.rw, twita: @Rwandacademy no ku kicaro cya RALC ahamanikwa amatangazo. Imishinga izatoranywa izaterwa inkunga mu gihe cy'umwaka umwe.

Bikorewe i Kigali, ku wa 28 Kanama 2019

T. F. Vuningoma

**VUNINGOMA James (PhD)**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa, RALC

**REPUBULIKA Y'URWANDA**
**INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO**
**(RALC)**
Agasanduku k'Iposita : 5796 KIGALI - RWANDA
Imeri: info@ralc.gov.rw
Urubuga: www.ralc.gov.rw

**Kigali, ku wa 30/08/2019**

**No 274/ES/RALC/2019**

**UMUTWE: GUSABA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUKORA IMISHINGA IHANGA IMIRIMO ISHINGIYE KU NGANDA NDANGAMUCO N' UBUHANZI IZATERWA INKUNGA N'INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (RALC).**

## 0. Intangiriro

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'umuco (RALC) ni ikigo cya Leta cyashyizweho kandi kigengwa n'itegeko Nº 01/2010 of 29/01/2010, gihabwa inshingano z'ibanze zikurikira: kubungabunga, kurinda no guteza imbere Ikinyarwanda n'Umuco by'u Rwanda.

Ikinyejana cya 21kitaye ku iterambere ry'ubuhanzi n'inganda z'ubuhanzi kuko biri mu byongera ubukungu bw'ibihugu aho bitari byashinga imizi. Hashize igihe kirekire mu Rwanda ubuhanzi n'umuco bimeze nk'ibikoresho by'imyidagaduro cyangwa inzira z'itumanaho zitanga ubutumwa mu bijyanye n'umuco n'imibereho y'abantu binyuze mu ndirimbo, imbyino, amashusho, imiterere y'umubiri,ibibazanyo, mu bwiza n'imideri...

Muri iki gihe, abantu batandukanye ndetse n'abahanzi ubwabo bakomeje kuzamura bibaza icyakorwa kugira ngo abahanzi bakure inyungu mu bihangano byabo binateze imbere ndetse n'Igihugu. Nta gushidikanya ko bizazamura n'ubukungu bw'igihugu.

Mu wa 2017, Minisiteri ya Siporo n'Umuco yateguye y'uko Siporo n'Umuco bigomba kugira uruhare mu bukungu bw'u Rwanda nk'uko izindi nkingi zibigira, iki kikaba ari ikintu kitigeze kitabwaho kuva kera. Inkingi ya Siporo n'umuco ari yo ya 16 mu kuzamura ubukungu bw'Igihugu, yashyizweho igihe Minisiteri ya Siporo n'Umuco ifatanyinyije n'ibigo biyishamikiyeho bakoze ubutaruhuka kugira ngo bazamure igice cy'Umuco bafite n'intego yo kukigeza ku rwego rw'ubuhanzi buhamye. Ibi bigasaba gushyiraho inzego, kuziha ubushobozi mu kerekezo nyongeramusaruro.

Mu rwego rwo kugira uruhare mu iterambere ry'ubuhanzi n'inganda z'ubuhanzi zigira uruhare mu kongera ubukungu bw'Igihugu, Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco irahamagarira ba rwiyemezamirimo babishoboye gukora no kuyishyikiriza imishinga iha Abanyarwanda akazi kandi ijyanye n'umuco n'inganda z'ubuhanzi. Imishinga myiza kuruta iyindi izaba yatoranyijwe ni yo

izaterwa inkunda kandi ikurikiranwe na komite izaba iyobowe na RALC hagamijwe kugera ku ntego yayo.

## 1. INTEGO Z'UMUSHINGA

### 1.1. INTEGO RUSANGE

Intego rusange y'uyu mushinga ni iyo gushaka imishinga yo mu rwego rw'umuco n'inganda z'ubuhanzi ihanga imirimo kandi ikazamura ubukungu bw'u Rwanda.

### 1.2. INTEGO ZIHARIYE

i. Kugira uruhare mu kugabanya umubare w'abadafite akazi mu Rwanda;
ii. Guteza imbere umuco n'inganda z'ubuhanzi mu Rwanda;
iii. Kongerera imbaraga ubufatanye hagati y'inzego za Leta n'iz'abikorera ku giti cyabo.

## 2. ABAGENERWABIKBIKORWA

Ba rwiyemezamirimo b'Abanyarwanda mu rwego rw'umuco n'inganda z'ubuhanzi.

## 3. UMUSARURO UTEGANYIJWE

Umusaruro witezwe kuri iyo mishanga ni:

i. Imirimo yahanzwe ijyanye n'umuco n'inganda z'ubuhanzi;

ii. Uburere, ubumenyi n'ubushobozi byongerewe kandi biteguye guhangana ku isoko ry'umurimo;

iii. Umubare w'Abanyarwanda badafite akazi wagabanutse;

iv. Ubukungu bwazamutse binyuze mu muco n'inganda z'ubuhanzi.

## 4. IBISABWA MU NYIGO Y'UMUSHINGA

Umushinga ugomba kugaragaza ibice bikurikira: igenzura ry'imiyoborere y'umushinga n'ibijyanye na tekiniki.

### 4.1. IGENZURA RY'IMIYOBORERE Y'UMUSHINGA (Amanota 5)

1. **Uburambe rusange (amanota 2.5)**

Ibi bisaba ikemezo cy'uko umushinga wandikishijwe nibura muri hamwe mu bigo bikurikira: Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Iterambere (RDB), Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere (RGB) cyangwa mu Kigo k'Igihugu Gishinzwe Amakoperative (RCA).

2. **Uburambe bwa ngombwa (amanota 2.5)**

Umushinga ugomba kuba usanzweho, umaze nibura imyaka ibiri. Ibi bikaba byerekanwa na kopi z'ipatante z'imyaka ibiri.

### 4.2. Ibijyanye na tekiniki (amanota 95)

Ibijyanye na tekiniki ubwiza bw'uburyo bwatanzwe buzafasha guhanga imirimo hagendewe ku burambe bw'umushinga. Ibyo bigizwe n'ibi bikurikira:

1. Izina ry'umushinga, aho umushinga ubarizwa (ibyicaro) ndetse n'intego zawo: intego rusange n'intego zihariye (amanota 5);
2. Inshamake y'isobanuramushinga (amanota 5);
3. Imicungire y'umushinga: imyubakire y'icungamushinga (amanota 5);
4. Ingengo y'imari y'umushinga (ingengo y'imari isobanuye neza mu byiciro hamwe n'ibikorwa byayo) (amanota 5);
5. Igihe kizakoreshwa kugira ngo umushinga ushyirwe mu bikorwa (mu mbonerahamwe) (amanota 5);
6. Ikurikirana n'Isuzumabikorwa by'uko umushinga uzashyirwa mu bikorwa (uburyo bwo gutanga raporo kuri RALC, amanota 5);
7. Iteganyabikorwa ry'umushinga (ibikorwa, igihe, umufatanyabikorwa, ingengo y'imari) (amanota5);
8. Ahantu umushinga uzakorera (Akarere. Umushinga uzakorera mu bice by'icyaro uzaba ufite amahirwe) (amanota5);
9. Uko umushinga uzunguka n'uko uzaramba (utazahahagarara nyuma y'inkunga) (amanota 5);

10. Ibyo umushinga witezweho: imirimo mishya

Ikitonderwa: buri murimo mushya uhanzwe ufite agaciro k'amanota 0.25.

## 5. IMIRONGO NGENDERWAHO MU GUHITAMO UMUSHINGA

Kugirango umushinga utoranywe ugomba kuba wujuje ibi bikurikira:

1. Umushinga ugomba kugaragaza umubare w'imirimo izaba yahanzwe ku wa 30 Kamena 2020 (imishinga ihabwa amahirwe menshi ni izahanga imirimo myinshi);

2. Inkunga izatangwa izakoreshwa n'imishinga yamaze gushingwa ndetse ikaba imaze nibura imyaka ibiri ikora.

3. Intego y'umushinga muri rusange igomba kuba ifitanye isano igaragara n'intego yihariye ya gahunda.

4. Inkunga izagenda itangwa mu byiciro hakurikijwe uko umushinga ugenda wubahiriza ibisabwa;

5. Abagenerwabikorwa bagomba kuba ari Abanyarwanda kandi hakubahirizwa ihame ry'uburinganire;

6. Ikiguzi cy'umushinga (ingengo y'imari yose) izarebwaho mu gihe cyo gufata umwanzuro ku mushinga washobora guterwa inkunga na RALC;

7. Umushinga uzakorera mu bice by'icyaro uzagira amahirwe menshi.

**IKITONDERWA:**

Itsinda rigizwe n'inzobere mu bijyanye n'inganda ndangamuco z'ubuhanzi, MINISPOC na RALC rizasesengura zishingiye ku buryo bene imishinga bazagaragaza bwo guhanga imirimo mishya idashingiye ku buhinzi. Amanota azahabwa imishinga ku giteranyo cy'amanota 100 hagendewe ku bizashingirwaho byavuzwe haruguru. Amanota fatizo adashobora kugibwa munsi ni 70% no kuzamura kandi y'amanota menshi ashoboka azatangwa hakurikijwe isuzuma rinonosoye. Uzaba ari munsi y'ayo manota fatizo azakurwa mu ipiganwa.

Imishinga igomba kuba yanditswe neza muri rumwe mu ndimi zikoreshwa mu buyobozi, kandi hagatangwa kopi ebyiri (2) zayo, imwe izaba ari iy'umwimerere igomba gushyikirizwa ubunyamabanga rusange bw'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco kuri aderesi zavuzwe haruguru bitarenze ku wa 20 Nzeri 2019 saa kenda z'umugoroba (15:00).

Imishinga izashyirwa mu mabahasha azaba yanditseho neza inyuma ngo"Umushinga ku muco n'inganda z'ubuhanzi zibyara imirimo."

**INYANDIKO ZIKENEWE:**

-Kopi ebyiri z'umushinga,

-Kopi y'ikemezo cy'uko kampani yanditse haba muri RCA, RDB cyangwa muri RGB,

-Kopi z'ipatante nibura y'imyaka ibiri,

-Ikemezo cy'uko nta misoro kompanyi ibereyemo Ikigo k'Igihugu k'Imisoro n'Amahoro,

-Kopi igaragaza ko nta deni kompanyi ifitiye banki.

Bikorewe i Kigali, ku wa 28 Kanama 2019

**Vuningoma James (PhD)**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa /**RALC**

# REPUBLIC OF RWANDA

**RWANDA ACADEMY OF LANGUAGE AND CULTURE**
**(RALC)**
P.O Box: 5796 KIGALI - RWANDA
Email: info@ralc.gov.rw
Website: www.ralc.gov.rw


**Kigali, on 30/08/2019**

**N°.273/ES/RALC /2019**

**TITLE: THE CALL FOR PROJECTS PROPOSAL FOR CULTURAL AND CREATIVE INDUSTRIES FOR OFF-FARM JOB CREATION TO BE FUNDED BY RWANDA ACADEMY OF LANGUAGE AND CULTURE (RALC).**

## 0. Background

The Rwanda Academy of Language and Culture (RALC) is a public institution created under the provisions of the law N° 01/2010 of 29/01/2010 with the following main responsibilities: to safeguard, protect and promote Kinyarwanda Language and Rwandan Culture.

The 21st century will see the development of creative arts and creative industries as a boost to the economic growth of Nations where this has not taken root. In Rwanda, for too long, Arts and culture have tended to remain in the fields of entertainment, and communication channels to transmit socio-cultural messages through songs, dances, body shapes, sculptures, beauty and fashion.

Today, voices are raised from the public and artists themselves wondering on what could be done to make sure that artists benefit from their work and the country reaps from the benefits of that creative arts. This certainly would mean uplifting the economic life of the country.

In 2017, the Ministry of Sports and culture initiated the Sector Strategic Plan for Sports and Culture as an added field which will contribute to the economic life in Rwanda, an aspect that is new and longtime ignored. This 16th Sector contributive to national economy has come at the time when the Ministry of Sports and Culture and its affiliated agencies have labored tirelessly to boost cultural clusters and bring them to a conclusive stand of creativity. This means institution set up, institution capacity building on the road to the value chain of productivity.

In the line of contributing to the development of creative arts and creative industries as a booster to the economic growth of a nation, Rwanda Academy of Language and Culture invites all Rwandan entrepreneurs who are able to develop projects related to culture and creative industries which shall generate jobs for Rwandans to submit

their proposals. The best projects selected will be financed and monitored by a Steering Committee chaired by RALC with the aim of achieving its goals.

## 1. OBJECTIVES OF THE PROJECT

### 1.1. GENERAL OBJECTIVE

The general objective of this project is to identify the entrepreneurship projects in the domain of cultural and creative industries for job creation and economy growth of Rwanda.

### 1.2. THE SPECIFIC OBJECTIVES

i. To contribute to the decreasing of unemployment rate I Rwanda;
ii. To develop the CCIs in Rwanda;
iii. To strengthen the partnership between the public institutions and private sector.

## 2. BENEFICIARIES

Rwandan entrepreneurs in cultural and creative industries.

## 3. EXPECTED RESULTS

The expected results of the proposal are:

i. Created jobs in cultural and creative industries;
ii. Enhanced cultural and creative education, skills and readiness for the job market;
iii. Reduced number of unemployed Rwandans;
iv. Increased economy growth through cultural and creative industries.

## 4. REQUIREMENTS FOR PROJECT PROPOSAL COMPONENTS

The project proposal must indicate the following key components including administrative evaluation and technical aspects below mentioned:

### 4.1. ADMINISTRATIVE EVALUATION (5 marks)

1. **General Experience (2.5 marks)**

This requires Certificate of registration either in RDB, RGB or in RCA

2. **Relevant experience (2.5 marks )**

The business shall be operative for at least two years. This implies copies of patents of two years.

### 4.2. Technical aspects (95 marks)

The technical aspects refer to the quality of methodology proposed for job created basing on the existing and operational business. These include the following:

1. Project title, address (headquarters) and objectives: General objective and specific objectives (5marks);
2. Summary of project description (5marks);
3. Project management: Managerial structure (5marks);
4. Project budget (detailed budget by phases and activities) (5marks);
5. Time frame of the project implementation (Matrix Table) (5marks);
6. M&E of project implementation (Reporting system to RALC) (5marks);
7. Action plan of the project (activities, Time, Partner, Budget) (5marks);
8. Area of business (indicate District. Business operating in rural areas will be highly appreciated) (5marks);
9. Project profitability and sustainability (5 marks);
10. Project outcomes: new jobs created

**N.B:** Every new job created has a value of 0.25 marks

## 5. PROJECT GUIDELINES

To be selected, a project should fill the following criteria:

1. The project must show the number of new jobs that will be created by 30th June 2020 (the most appreciated projects are those with more new jobs created);
2. The offered fund will be used only in the projects already created and operational for at least two years;
3. The project overall objective should be clearly linked to the specific objectives of the program;
4. The fund will offered phase by phase according to the business performance;

5. The beneficiaries must be Rwandans respecting gender consideration;
6. The cost of the project (Total Budget) will be considered during taking decision of project which may be financed by RALC;
7. Business operating in rural areas will be highly appreciated)

**NOTE:** The panelist (Experts in cultural and creative industries, MINISPOC and RALC) will assess on that basis how the applicants seek to create new off-farm jobs about the set for this project. Points will be allocated to eligible applications out of a total of 100 on the basis of the above-specified weighting. A minimum threshold of **70%** of the maximum possible will be applied for the qualitative evaluation and applications below this threshold will be rejected.

Well printed proposals in English properly bound and presented in two (2) copies, one of which is the original must reach the Central Secretariat Office of the Rwanda Academy of Language and Culture on the address mentioned above not later than 20th September 2019 at 15:00 pm.

The proposal shall be placed in an envelope that clearly marked "Project Proposal for Cultural and Creative Industries job creation".

**Documents of Bids:**

-Two copies of a project,

-A copy of Company registration in either RCA, RDB or RGB,

-Copies of patents of at least two years,

-Copy of clearance Certificate of the company from Rwanda Revenue Authority,

-Copy of Clearance Certificate of the company from its bank account.

Done at Kigali on 28th August, 2019.

**Vuningoma James (PhD)**

Executive Secretary/Rwanda Academy of Language and Culture/**RALC**